**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**Ubuyobozi Bukuru bw' Ingabo z'u Rwanda (RDF HQs)**
**Ishami rishinzwe Abakozi (J1 Department)**
**P O BOX 85 KIGALI**

**IMPINDUKA MU ITANGAZO RYATANZWE KURI GAHUNDA YO GUKORA IBIZAMINI KU BIFUZA KWINJIRA MU NGABO Z'U RWANDA BATUYE MU MUJYI WA KIGALI**

1. Ubuyobozi bukuru bw' Ingabo z'u Rwanda buramenyesha Abanyarwanda bose bifuza kwinjira mu ngabo z'u Rwanda ku rwego rw'abasirikare bato ko bitewe n'ingamba zo gukumira no kwirinda ikwirakwizwa ry'icyorezo cya COVID-19, mu mujyi wa KIGALI, gahunda yo gukora ibizamini byo kwinjira mu ngabo yahindutse ku buryo bukurikira.

2. Mu karere ka **Kicukiro,** ikizamini kizakorwa tariki **21/02/2021** saa moya za mu gitondo mu buryo bukurikira: Abo mu mirenge ya Masaka, Kanombe, Kagarama, Gahanga, Kicukiro, Niboyi na Nyarugunga bazakorera ikizamini cy'ijonjora kuri Sitade ya IPRC KICUKIRO. Naho abo mu mirenge ya Gikondo, Gatenga na Kigarama ikizamini bazagikorera kuri Sitade yo kwa MIRONKO.

3. Mu karere ka **Gasabo,** ikizamini kizakorwa tariki **22/02/2021** saa moya za mu gitondo mu buryo bukurikira: Abo mu mirenge ya Gisozi, Kacyiru, Remera, Kimironko, Kimihurura, Kinyinya, Gatsata, Jali na Jabana bazakorera ikizamini cy'ijonjora kuri Sitade ya ULK. Naho abo mu mirenge ya Rutunga, Rusororo, Bumbogo, Ndera, Nduba na Gikomero ikizamini bazagikorera kuri Sitade ya Kaminuza y'Abadivantiste i Masoro.

4. Mu karere ka **Nyarugenge**, ikizamini kizakorwa tariki **23/02/2021** saa moya za mu gitondo mu buryo bukurikira: Abo mu mirenge ya Nyamirambo, Kimisagara, Kigali, Kanyinya na Nyakabanda bazakorera ikizamini cy'ijonjora kuri Sitade Regional ya Kigali i Nyamirambo. Naho abo mu mirenge ya Muhima, Mageragere, Nyarugenge, Rwezamenyo na Gitega ikizamini bazagikorera kuri Sitade y'Ishuri rya Saint Andre.

5. Ubuyobozi bw'Ingabo buramenyesha abatuye mu zindi ntara ko gahunda yo gukora ibizamini yatangajwe mbere nta cyahindutse.

6. Iri tangazo mushobora kurisoma ku rubuga rwa Minisiteri y'Ingabo www.mod.gov.rw.

Bikorewe i Kigali, kuwa 17 Gashyantare 2021

RWANDA DEFENCE FORCES -FORCES -HQS-J1

**Bernard R NIYOMUGABO**
Lieutenant Colonel
Umuyobozi Mukuru Ushinzwe Abakozi n'Ubutegetsi mu Ngabo z'Igihugu (RDF)